REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE
DR. NGIRENTE EDOUARD

NYUMA Y'UMUHANGO WO KWAKIRA INDAHIRO Y'ABASHINJACYAHA

Kigali, ku wa 25 Ugushyingo 2019

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Nyakubahwa Mushinjacyaha Mukuru,**
- **Bayobozi bakuru b'Ingabo z'Igihugu muri hano,**
- **Bayobozi mwese muri hano,**
- **Bashinjacyaha mumaze kurahira,**
- **Abagize imiryango yanyu baje babaherekeje,**

Mwiriwe neza?

1. Ndabashimiye mwese kuba mwitabiriye uyu muhango w'ingirakamaro.

2. Ndagira ngo ntangire nifuriza imirimo myiza aba bashinjacyaha bamaze kurahira aribo: Madamu UWASE Alice na Bwana HABIMANA Donath bo ku Rwego Rwisumbuye na Lieutenant MUKAMANA Christine, Umushinjacyaha wa Gisirikare. Bose bakaba baremejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 10 Ukwakira 2019.

3. Umunsi nk'uyu nk'uko twese tubizi aba ari umwanya wo kwakira indahiro. Ariko aba ari n'umwanya mwiza wo kwibukiranya hagati yacu n'Abashinjacyaha baba baremejwe n'Inama y'Abaminisitiri ku buryo inshingano zanyu mugiyemo zikomeye. Inshingano mumaze kurahirira ni inshingano ziremereye kubera ko ni akazi karebana no kubahiriza amategeko, uburenganzira bwa muntu, ndetse n'ubusugire bw'Igihugu cyacu muri rusange.

4. Murasabwa kuzakorana akazi kanyu umurava ariko munagamije no gusigasira icyizere Inama y'Abaministiri yabagiriye. Ntimuzatatire icyo cyizere Umukuru w'Igihugu yabagiriye. Nkaba ngira ngo nongere mbibutse ko umwuga wanyu usaba ubwitange, ubushishozi, n'ubunyangamugayo.

5. Ndagira ngo mbibutse rero ko mukwiye guhora muzirikana ibikubiye mu ndahiro yanyu mumaze kugeza imbere y'ubuyobozi bw'Igihugu. Icyizere mwagiriwe n'ubuyobozi bukuru bw'Igihugu cyacu ntimugomba kugipfusha ubusa. Mukwiye guhora muharanira iteka gutanga ubutabera bunoze kuri bose.

6. Ndifuza gusaba Abashinjacyaha bamaze kurahira uyu munsi, ko bakwiriye guharanira ko ubutabera bw'u Rwanda muri rusange bugumana isura nziza haba mu Gihugu imbere, mu Karere dutuyemo no mu ruhando mpuzamahanga.

7. Muri iyi minsi inzego z'Ubushinjacyaha zirabizi, hari ibyaha byinshi bishyashya bigenda bigaragara. Muri byo, twavuga nk'ibyaha bikoreshwa ikoranabuhanga, ibyaha by'inyerezwa ry'umutungo w'Igihugu no kuwukoresha nabi ndetse n'ibyo twakwita ko byari bisanzweho ariko bigenda byongera umurego, birimo gufata abana batoya ku ngufu ndetse n'ibyaha by'imicungire mibi y'umutungo. Ibyo byose ni ibyaha tugira ngo Urwego rw'Ubushinjacyaha rukomeze rudukurikiranire ku buryo twizera ko ibyo byaha bizakomeza kugenda bigabanuka.

8. Mu by'ukuri nk'uko twese tubizi, ibyaha byose bikorwa mu Gihugu bibangamira iterambere twiyemeje kugeraho, ndetse n'umuvuduko w'amajyambere twari turiho ukadindizwa n'ibyo byaha cyane cyane iyo bibaye byinshi. Twizeye rero ko Urwego rw'ubushinjacyaha ari ubwa Gisirikare n'ubwa Gisivili bazakomeza gukurikirana ibyo byaha ku buryo bigabanuka ndetse tukifuza ko ubusanzwe byanacika burundu. Mukomereze aho, kandi mukoreshe ikoranabuhanga kuko n'abakora ibyaha nabo barikoresha. Twifuza ko namwe rero mwakomeza guteza imbere ikoranabuhanga mu gukurikirana ibyaha.

9. Guverinoma y'u Rwanda irabizeza inkunga yayo kugira ngo muzasohoze neza inshingano zanyu. Muri urwo rwego, Leta izaborohereza kubona amahugurwa ahagije mu by'amategeko kuko akazi k'ubutabera mugiye gutangira gukora gasaba no guhora mwihugura kugira ngo mubashe guhangana n'amayeri y'abakora ibyaha.

10. Ndagira ngo ndangize iri jambo nongera kwifuriza imirimo myiza Abashinjacyaha bamaze kurahira. Nongeye kandi gushimira urwego rw'Ubutabera muri Rusange mu Rwanda kubera akazi keza bakora, harimo kwegereza abaturage ubutabera binyuze mu nzu zitanga ubufasha mu by'amategeko (*Maisons d'Accès à la Justice/MAJ*) ziri mu Turere twose tw'Igihugu no gutanga serivisi nziza binyuze mu gukoresha ikoranabuhanga. Ndabasaba rero ngo mukomereze aho, mudufashe guteza imbere Igihugu cyacu, turwanya ibyaha byose bishobora kuvuka, n'ibisanzwe bikorwa.

Nongeye kubifuriza umunsi mwiza.

Mugire amahoro!